
# AHAZAZA ... UKURI KUREBANA N'AHAZAZA ... UKURI




**Ibi birareba buri wese! Mbese urifuza kumenya ibigiye kubaho vuba bidatinze? Noneho soma izi ngingo maze wuzuze amazina yawe ahaheruka.**

## AHAZAZA HADASHIDIKANYWA

Mu myaka yatambutse isi yagerwagamo n'ibiza kimwe ku kindi. Amapfa, imyuzure, imiyaga kirimbuzi n'ibishitsi, byagiye bikurikirana byihuta kimwe ku kindi. Abantu ibihumbi byinshi bagiye batakariza ubuzima mu mpanuka zikomeye zo ku isi, ku Nyanja no mu kirere, kandi nanone miliyoni z'abantu benshi zikaba zigikomeje gupfa, amahanga, menshi yo ku isi ari mu bihombo bikomeye by'imitungo ku buryo adashobora kwishyura iyo myenda. Intambara, gushyamirana kw'ibihugu, ubwicanyi mu bantu ndetse no kurimbuka guhoraho kw'ibyaremwe biri butuma ikiremwamuntu gitegerezanya ubwoba ahazaza hacyo.


**Ibyinshi muri ibi bihe bidasanzwe byagiye bihanurwa muri Bibiliya.** (Matayo 24:4-31; Luka 21:25-28; Ibyahishuwe 6:12-17; 16; 17; 18). **Imana yagiye iburira inshuro nyinshi abo mu isi ibamenyesha imanza zigiye kubageraho bitewe no gukiranirwa kwabo.** (Yesaya 24:5-20; 46:9-10; Amosi 3:7; Ibyahishuwe 1:1).

## IBYIGISHO BYO MU GIHE CYASHIZE

Imana yabwiye Nowa iby'**umwuzure** ugiye kuza, Aburahamu na Loti babwirwa ibyo **kurimbuka kwari kugiye kubaho ku mugi wa Sodoma na Gomora,** na Mose nawe avuga ku **byago bya Egiputa**.

Ibi bintu byandikiwe twebwe abariho muri iki gihe kugira ngo bitubere umuburo utubashisha gusobanukirwa neza

**UBUTUMWA BW' ABAMALAYIKA BATATU**



ubuhanuzi bwose buboneka muri Bibliya uko bugenda busohora, ndetse n'uko bizaba byifashe mu bihe bizaza. (1 Abakorinto 10:6-12; 2 Petero 2:5-9; Abaheburayo 4:11).

Bityo rero, aha hari ubutumwa bw'Imana bw'umuburo bwihutirwa ku bantu bo mu kinyejana giheruka, bwagaragajwe nk'

nk'uko tubusanga mu byahishuwe 14, bwanditswe n'umuhishuzi Yohana. Uyu niwo muburo uheruka Imana iri guha abantu bose mbere yuko Yesu Kristo agaruka nk'Uumwami ndetse n'Umucamanza.

Hakubiyemo umuburo uteye ubwoba w'ibihano bigiye kuza nk'uko biboneka mu Byanditswe byera:

**1.** *„...Nimwubahe Imana muyihimbaze,* ***kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye,*** *muramye Iyaremye ijuru n' isi n' inyanja n' amasoko."*

**2.** *....Iraguye, iraguye! Babuloni wa mudugudu ukomeye, wateretse amahanga yose inzoga ari zo ruba ry' ubusambanyi bwawo."*

**3.** *„...Umuntu* ***naramya ya nyamaswa n' igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza,*** *uwo ni we uzanywa ku nzoga ari yo mujinya w' Imana, yiteguwe idafunguwemo amazi mu gacuma k' umujinya wayo. Kandi azababazwa n' umuriro n' amazuku imbere y' abamarayika bera, n' imbere y' Umwana w' Intama. Umwotsi wo kubabazwa kwabo ucumba iteka ryose, ntibaruhuka ku manywa na nijoro abaramya* ***ya nyamaswa*** *n'* ***igishushanyo cyayo,*** *umuntu wese ushyirwaho ikimenyetso cy' izina ryayo."* **Ibyahishuwe 14:6-11.**


Uyu muburo ni ingenzi cyane kuri buri muntu wese! Ariko se ni gute twakwirinda kuramya *inyamaswa* ndetse n'*igishushanyo cyayo* cyangwa gushyirwaho *ikimenyetso* cyayo nyamara tudasobanukiwe iyo nyamaswa iyo ariyo cyangwa icyo gishushanyo cyayo? Kudasobanukirwa ibyo harimo ingaruka ziteye ubwoba. *"Ubwoko bwanjye burimbutse buzize kutagira ubwenge."* Hoseya 4:6 (Gereranya na Yesaya 29:13-14). Nubwo bimeze gutyo, Imana yadusezeraniye ko tuzabisobanukirwa (Imigani 2:1-7; Daniyeli 12:4, 10; Matayo 7:7,8).

*'Umwami Uwiteka aravuga ati: Ndirahiye, sinezezwa no gupfa k' umunyabyaha, ahubwo nezezwa n' uko umunyabyaha ahindukira akava mu nzira ye maze akabaho. Nimuhindukire, mugaruke muve mu nzira zanyu mbi. Kuki mwarinda gupfa mwa ab' inzu ya Isirayeli mwe?'* Ezekiyeli 33:11 (Gereranya 2 Petero 3:10-11; Matayo 3:18; 4:1,2).

**Mbese ni ubuhe busobanuro bw'iyo nyamaswa yari ifite ikimenyetso cyihariye?**


Mbere yuko tuganira ku nyamaswa ubwayo tugomba kubanza gusobanukirwa n'amateka yabanjirije iyo nyamaswa. Ahantu heza ho gutangirira ni muri Daniyeli, ariho hagaragaza neza ubwo buhanuzi, uhereye mu kinyejana cya 6 Mbere ya Kristo gukomeza ukageza ku iherezo ry'ibihe.

**Ubusobanuro bw'amarenga yakoreshejwe mu buhanuzi bwa Bibiliya ntabwo bwagizwe ubwiru ku kiremwamuntu. Ubuhanuzi ni amateka yanditswe avuga ibizaba. Bibiliya ubwayo itwihera urufunguzo rwo kubusobanukirwa**. (2 Petero 1:20).




Muri Daniyeli 2:27-45 ibice bitandukanye byo ku gishushanyo byagereranyaga uruhererekane rw'ubwami bwo ku isi bukomeye uhereye ku bwami bwa Babuloni ukageza ku Burayi bwo muri iki gihe. Iyo ugereranije Daniyeli 2 na Daniyeli 7 ubu bwami bwose ndetse n'ibiburanga bwagereranijwe n'**inyamaswa**.

*'Izo nyamaswa nini uko ari enye, ni bo bami bane bazaduka mu isi.'..... "Iyo nyamaswa ya kane izaba ubwami bwa kane ku isi…'* Daniyeli 7:17, 23. Muri Daniyeli 7:3 haravuga ngo: *'Muri iyo nyanja havamo inyamaswa nini enye….'. 'Inyanja'* cyangwa *'Amazi'* mu buhanuzi bwa Bibiliya bigereranya *'Ya mazi wabonye wa maraya yicaraho, ni yo moko n' amateraniro y' abantu n' amahanga n' indimi'*. Ibyahishuwe 17:15 (Gereranya na Yesaya 8:5).




## INTARE

*"Iya mbere yasaga n'Intare…"* Daniyeli 7:4 (Gereranya na Daniel 2:37, 38). Ibi byerekezaga ku **bwami bwa Babuloni** (mu mwaka wa 608-538 Mbere ya Kristo), bukaba bwarayoboye mu gihe cya Danieli. Iyo winjiye mu nzu ndangamurage y' I Pergamon muri Berlin ushobora kuhasanga amateka y'intare ifite amababa ahamya iby'icyo gihe.



## IDUBU

*"Ndongera mbona indi nyamaswa ya kabiri isa n'idubu yegutse uruhande rumwe, kandi yari itambitse imbavu eshatu mu mikaka yayo. Barayibwira bati 'Byuka uconshomere inyama nyinshyi."* Daniyeli 7:5. Iyi nyamaswa ifite ubusobanuro bumwe n'ubw'igituza ndetse n'amaboko by'ifeza biboneka ku gishushanyo (Daniyeli 2:32, 39). Bigereranya **ubwami bubiri bw'Abamedi n'Abaperesi** (538-331 Mbere ya Kristo), ari nabwo bwasimbuye ubwami bwa Babuloni. Abamedi nibo babanje gutegeka muri icyo gihe haza gukurikiraho Abaperesi. Aya maboko abiri ndetse n'idubu ryari ryegutse uruhande rumwe nibyo bishimangira ubu buhanuzi. Ubwami bumwe bwagombaga gukomera gusumbya ubundi. Imbavu eshatu zigereranya amahanga atatu yari agize ubwo bwami ariyo Babuloni, Libiya na Egiputa, ari nayo yaneshejwe n'Abamedi n'Abaperesi.



## INGWE

*"Hanyuma y' ibyo mbona indi nyamaswa isa n' ingwe, ku mugongo wayo yari ifite amababa ane asa n' ay' igisiga, kandi yari ifite imitwe ine, ihabwa ubutware."* Daniyeli 7:6. Iyi nyamaswa inagaragazwa n'amarenga yayo muri Danieli 2:32, 39. Yari **ubwami bw'Abagiriki** (331-168 BC), Alexandre Mukuru niwe wahiritse ubwami bw'Abaperesi, kandi igihe yari amaze gupfa (Column 3)



ubwami bwe bwigabanijemo ibice bine ari nabyo byagereranijwe n'imitwe ine (Macedoniya, Thrace, Syria na Egiputa).

## INYAMASWA YA KANE

*"Hanyuma y'ibyo nitegereje mu byo neretswe nijoro, mbona inyamaswa ya kane iteye ubwoba y' inyamaboko n' imbaraga byinshi cyane. Yari ifite imikaka minini y' ibyuma, iconshomera ibintu irabimenagura, ibisigaye ibisiribangisha amajanja yayo. Ariko yari ifite itandukaniro n' izindi nyamaswa zose zayibanjirije, kandi yari ifite amahembe cumi."* Daniyeli 7:7. Nanone kandi iyi nyamaswa tuyibona mri Daniyeli 2:33, 40, 41. Ubwami bwa kane bwakurikiye ubwami bw'Abagiriki ni ubwami bw'Abaroma (168 BC-476 AD). Yari itandukanye n'izindi nyamaswa zose Daniyeli yeretswe ku buryo atashoboye no kuyisobanura. *'Amahembe cumi'* yo muri Daniyeli 7:24 agereranya *'abami cumi bazakomoka muri ubwo bwami.'* Uku rero ni ukuri ko mu mateka y'Ubwami bw'Abaroma bwageze ku musozo wabwo muri 476 AD maze bugasimburwa n'ubwami icumi bushya ariyo mahanga cumi kuri ubu akaba ari leta zo mu Burayi. Nk'uko biboneka muri Daniyeli 7:7 tubona ko muri Daniyeli 2:42-44, ibyo byagereranijwe n'amano icumi. Ayo mano agereranya ubwami bukurikira: 1. Ubudage, 2. Ubufaransa, 3. Ubwongereza, 4. Ubusuwisi, 5. Espagne, 6. Portugal, 7. Ubutaliyani, 8. Abaheruli, 9. Abavandal, 10. n'Abastrogoti.



## AGAHEMBE GATO

*"Nitegereje ayo mahembe mbona muri yo hameze irindi hembe ritoya. Imbere yaryo hakurwa amahembe atatu mu yari asanzwe, kandi kuri iryo hembe mbonaho amaso asa n' ay' umuntu, n' akanwa kavuga ibikomeye."* Danieli 7:8.



**Imiterere yako yihariye:**

**1**. Kameze *hagati* y'amahembe cumi (ubwami), kandi *atatu* mu mahembe cumi yari asanzwe yararanduwe.


**2**. Muri Daniyeli 7:24 havuzwe yuko: agahembe gato kazamera *nyuma* y'ayo mahembe cumi.

Hariho ubutware bumwe ku isi mu mateka yose bwujuje aya magambo. Muri Roma ubwayo Nk'ihuriro ry'ubwami bwose bwavutse, ubupapa bwabonetse nyuma ya **476 AD**, ubuyobozi bumwe rukumbi bw'itorero Gaturika. Bwameze mu mwanya w'amahembe *atatu*: ishyanga ry'*Abaheruli*, *Abavandal* n'*Abastrogoti*, maze ayo yose ashikurizwa imbere yaryo. Nyuma y'iteka ryaciwe n'umwami w'Abaroma mu burasirazuba witwa Justinian mu mwaka wa **533 AD** bishop wa Roma niwe washyizweho nk'umutwe w'amatorero yose ya Gikristo. Mu gihe Abastrogoti bo muri aya mahanga bagerageza kurwanya kurwanya iri teka mu mwaka wa **538 AD** maze baratsindwa kandi birukanwa mu bwami bw'Abaroma bikozwe na Jeneral Balisarius. Muri iki gihe nibwo Roma y'ubupapa yari ishinze imizi yayo neza mu byerekeye imbaraga za gipolitike nk'uko ubuhanuzi bwabivuze.

**3.** Muri Daniyeli 7:25 havuga yuko *'azagomera abera b'Isumba byose'* aribyo bisesereza ku karengane gakomeye k'Abakristo. Nta musomyi n'umwe w'aya mateka uzahakana iby'iyi ngingo, ko yaba igaragaza kuzura k'ubuhanuzi bw'ubupapa. Akarengane gashishana ku mu Binyejana by'Umwijima (kurwanya ukuri, gutwika abo bitaga abanyabinyoma ndetse n'intambara hagati y'ubugaturika n'Ubuyilisamu:crusade), ibyo bizwi neza kandi byijimishije impapuro zivuga iby'amateka.




**4.** Nanone kandi buravugwaho ngo: *"Azigira inama zo guhindura ibihe n'amategeko…."* Mu mikorere y'ubupapa, kuri ubu bwahinduye amategeko y'Imana icumi: bwakuyemo **itegeko rya kabiri** muri Gatigisimu yabo **itegeko ribuzanya kuramya ibishushanyo.** Kandi bwahinduye **itegeko rya kane**, kubahiriza umunsi w'Isabato (itegeko rimwe rukumbi rivuga ibirebana ***n'igihe***), maze umunsi w'Imana w'ikiruhuko bakawukura ku munsi wa karindwi maze bakawusimbuza umunsi wa mbere w'icyumweru (reba 2 Abatesalonike 2:3-4; Zaburi 94:20).


Imitwe 7 ni imisozi 7( y'Iroma
Ibyahishuwe 17:9

Yahinduye ***'igihe'*** cyo kuramya. Hashyizweho umunsi w'ibinyoma wo kuramya. Mu cyimbo cy'Isabato y'umwimerere kandi idahinduka y'umunsi wa karindwi (Kuva 20:8-11; 31:13,16,17; Ezekiyeli 20:12; Yesaya 56:2,3,6,7; Zaburi 89:35; Abaheburayo 4:1-11; Yakobo 2:10), yubahirijwe na Kristo ndetse n'intumwa ze (Luka 4:16; Matayo 24:20; Ibyakozwe 13:42; Abaheburayo 4:10-11), umunsi wa mbere w'icyumweru (umunsi wa gipagani wo gusenga izuba) washyizweho kandi Imana itarigeze itegeka na rimwe ko wezwa. Yihanangiririje ubwoko bwayo kutemera uyu munsi wo kuramya (Ibyahishuwe 14:9-11; 16:2; 19:20; Ezekiyeli 8:16-18).

**5.** *"Ihabwa akanwa kavuga ibikomeye n' ibyo gutuka Imana, ihabwa no kurama ngo imare amezi mirongo ine n' abiri. Ibumburira akanwa kayo gutuka Imana, no gutuka izina ryayo n' ihema ryayo n' ababa mu ijuru."* Ibyahishuwe 13:5,6 (Reba Danieli 7:8, 25; Daniyeli 8:25; 2Abatesalonike 2:3,4). Ni gute Bibiliya isobanura ibyo gutuka Imana? Yesu na we yarezwe ko yigereranije n'Imana: *"…ahubwo tuguhora kwigereranya, kuko uri umuntu **ukigira Imana**."* Yohana 10:33. Ikindi kirego cyo kwigereranya tukibona muri Luka 5:21. *"…Uyu ni nde wigereranije? Ni nde ushobora **kubabarira ibyaha** uretse Imana yonyine?"* Aya magambo yombi yiswe ibirego niyo ubupapa buriyeho buvuga ngo (**'kuri iyi si duhagaze mu cyimbo cy'Imana Ishobora byose."**Ency. Pope Leo XIII., 6-20-1894). Inshuro nyinshi Papa yagiye yitwa 'Data wera.' Nyamara na Yesu bwe yarabuzanije kwita umuntu data (Matayo 23:9), kubera ko icyo ari icyubahiro cya Data wa Twese wo mu ijuru gusa (Yohana 17:11).

**6.** Muri Danieli 7:25; 12:7 no mu Byahishuwe 12:14, hanagaragaza ko igihe cyo kwishyira hejuru k'ubupapa cyari cyarahanuwe ***nk'igihe n'ibihe n'igice cy'igihe*** mu byahishuwe 12:2, no mu Byahishuwe 13:5 nk'***amezi 42***, ndetse n'***iminsi 1260*** mu Byahishuwe 11:3; 12:6.




Mu mvugo ya gihanuzi muri bibiliya ***umunsi 1 uhwanye n'umwaka 1*** (Ezekiyeli 4:6; kubara 14:34) kandi iyi mirongo yose yerekeza kuri icyo gihe kigereranywa n'imyaka 1260. Igihe mu buhanuzi gisobanura umwaka. Muri icyo gihe babaraga ko umwaka ugizwe n'iminsi 360. Ukwezi kumwe kwagiraga iminsi 30. (Reba Itangiriro7:11,24; 8:4). Bityo rero tubona ko ibihe bitatu n'igice ukubye n'amezi 12 bihwanye n'amezi 42, kandi amezi 42 ukubye n'iminsi 30 bihwanye n'iminsi 1260, cyangwa imyaka 1260 mu buhanuzi.

Tubona yuko iki gihe cya gihanuzi cyasohoye mu gihe cy'amateka y'ubupapa: igihe cyo kurimbuka guheruka cy'ubwami bw'Abastrogoti bo mu Burasirazuba ahagana muri 538 AD (ari nazo mbaraga zanyuma mu mbaraga eshatu 'agahembe' zaranduwe na Roma), ibi byumvikana neza ko aricyo gihe cy'itangiriro cy'imbaraga z'ubupapa mu bya politike. Iyo tubaze imyaka 1260 duhereye kuri icyo gihe cy'amateka, bitugeza mu mwaka wa 1798 AD. Muri icyo gihe nibwo papa Pius VI. Yafashwe bunyago na jenerali wari uyoboye ingabo z'Ubufaransa witwa Berthier nyuma y'impindura matwara zo mu Bufaransa. Papa Pius VI yaguye muri gereza. Ubwo nibwo aya magambo yari asohoye ngo: *'ujyana abandi ho umunyago, nawe ubwe azajyanwaho umunyago.'* Ibyahishuwe 13:10. Kuva iki gihe ubupapa ntibwongeye kurangwa n'izo mbaraga ndetse n'ububasha. Hashyizweho itegeko nshinga rya demokarasi, maze Roma iba Uburepuburika, maze imbaraga za Roma za gipolitike zigera ku iherezo—nyuma y'imyaka 1260 nk'uko ubuhanuzi bwari bwarabivuze.

Mu Byahishuwe 13:1-10, handitswemo inshamake y'amateka y'imbaraga z'ubupapa, uburyo bwatangiye buhagurukiye ku bwami bwa gipagani bw'Abaroma, maze bugategeka imyaka 1260, kandi ku iherezo bugakomereka uruguma rwica.

**7.** Mu Byahishuwe 13:3 haravuga hati: *"Nuko mbona umwe mu mitwe yayo usa n' ukomeretse uruguma rwica, ariko urwo ruguma rwawishe rurakira. Abari mu isi yose bakurikira iyo nyamaswa bayitangarira."* Ibi biragaragaza neza ko izi mbaraga zizagumaho kugeza ku kugaruka kwa Kristo (Danieli 7:21-22).

**8.** Mu gihe cyo gukomereka uruguma rwica no kongera kugarurirwa imbaraga zabwo, hahagurutse indi nyamaswa:



*"…Nuko mbona **indi nyamaswa** izamuka **iva mu butaka**. Iyo yo yari ifite amahembe abiri nk' ay' umwana w' intama, ivuga nk' ikiyoka. Itegekesha ububasha bwose bwa ya nyamaswa ya mbere mu maso yayo, ihata isi n' abayirimo ngo baramye ya nyamaswa ya mbere yakize uruguma rwayishe."* Ibyahishuwe 13:11-12.

Mbese izi mbaraga ziri kuvugwa aha ni izihe?

| **Amarenga:** | **Ubusobanuro:** |
|---|---|
| **1.** Kuzamuka iva mu butaka. Ibyahishuwe 13:11 | **1.** Gutangirira ahantu hashya cyangwa hadatuwe cyane. |
| **2.** Kuzamuka mu gihe inyamaswa yavuye mu Nyanja yari imaze kugwa. (1798 AD, Ibyahishuwe 13:1,3,10). | 2. Gukura kw'ishyanga mu gihe ubupapa bwari bumaze guhirikwa (1763-1800) |
| **3.** Yari ifite amahembe abiri nk'ay'umwana w'intama. Ibyahishuwe 13:11 | **3.** Amahame abiri ahwanye n'aya Kristo niyo yayihaye imbaraga (umudendezo mu bya gisivile n'iyobokamana). |
| 4. Nta makamba yari kuri ayo mahembe. (Ibyahishuwe 13:11). | **4.** si ubwami ahubwo ni ubuyobozi bushingiye kuri rubanda. |
| **5.** Itegekesha ububasha bwa ya nyamaswa ya mbere. Ibyahishuwe 13:12. | **5.** Buzaba ubwami bukomeye cyane ku isi. |

Imbaraga imwe rukumbi mu mateka ivugwa muri izi ngingo eshanu ni Leta Zunze Ubumwe za Amerika, yishyize hamwe mu myaka ya 1763-1800. Tubona ko mu **Byahishuwe 13:11-18**, yatangiye ifite kamere yo kwiyoroshya, ariko igenda igwiza ububasha bwo kwigarurira isi mu gihe gishyira iherezo. **Byari byaravuzwe yuko Amerika izarema igishushanyo cy'inyamaswa, kigahatira abantu kuramya inyamaswa yakomeretse uruguma rwayishe nyuma rugakira. Iki gishushanyo ni kopi igaragaza neza uko ubupapa bwari bumeze mu myaka 1260 y'ubutegetsi bwabwo.** Uku kwiswe kuramya, kurasesereza neza ku bubasha bw'iyobokamanana politike byomatanye.

Muri Daniyeli 3:5,10,14,18,28 hagaragaza neza ko icyo cyubahiro cyo mu by'idini cy'ibishushanyo bya kimuntu ndetse n'amarenga y'ububasha byose bihwanye no kuramya ibigirwamana kandi bikaba binahabanye n'itegeko rya kabiri. (Kuva 20:4-6). Kuruhuka ku munsi wa Mbere w'icyumweru ni ikimenyetso cy'imbaraga, ikimenyetso cy'ubutegetsi bw'ubupapa cyo kwishyiriraho amategeko yabwo ubwabwo **(reba hasi mu ngingo ivuga: catholic authority from their own resources!)**. ubuhanuzi buhishura yuko Amerika izahatira abantu kuruhuka umunsi wa Mbere w'icyumweru (*Sunday=Ikimenyetso cy'inyamaswa*), ibinyujije "***mu gishushanyo***". **Iki gishushanyo nta kindi ahubwo ni Ubuprotestanti bwahakanye, urwiyunge rw'amadini, buzifatanya na leta kugira ngo ihatire abantu kumvira amategeko y'idini.** Isi yose izemera kumvira itegeko ry'icyumweru kizaba cyejejwe **(reba mu Intambara Ikomeye)**. Ubwirasi bw'ubupapa nibwo bubutera gutekereza ibyo guhindura amategeko 10. Nicyo kizaba ikibazo giheruka cy'ahazaza, ikibazo cyo guhitamo ubugingo cyangwa urupfu (Ibyahishuwe 13:14-15): kumvira Imana cyangwa amategeko y'umuntu (Malaki 3:18; Ibyahishuwe 16:2).

Muzirikane ko muri iki gihe Amerika izakora *"ibimenyetso bikomeye, imanura umuriro uva mu ijuru ugwa mu isi mu maso y' abantu* (nimutekereze kuri bombe atomike mu 1945 zatewe I Heroshima, izatewe kuri Iraq, ndetse n'izindi nyigisho z'imyuka isa n'amashanyarazi ziri gukwirakwizwa hirya ya Amerika), *Iyobesha abari mu isi ibyo bimenyetso yahawe gukorera imbere ya ya nyamaswa,*(gereranya na Matayo 24:24) *ibabwira kurema igishushanyo cya ya nyamaswa* (ubupapa) *yari ikomerekejwe n' inkota ikabaho."* Ibyahishuwe 13:13-14.

**Ubupapa buvuga ko bwahinduye Isabato bukayishyira ku munsi wa mbere w'icyumweru nk'igikorwa cyabwo kandi bikaba n'ikimenyetso cy'ububasha bwabwo mu by'idini** (gereranya na Danieli 7:25): *"**Umunsi wa Mbere w'icyumweru (Sunday) washyizweho na Gaturika**, kandi ko kwera kwacyo gushobora gusobanurwa gusa n'ububasha bwa Gaturika…. Mu Byanditswe byera uhereye mu itangiriro ukageza ku iherezo nta murongo n'umwe ushobora gushyigikira icyo gikorwa cyo guhindura umunsi wo gusenga ugakurwa ku munsi uheruka icyumweru maze ugashyirwa ku wa mbere w'icyumweru."* (Catholic Press, Sidney, 8-25-1900 ).



*"Turuhuka ku Cyumweru mu Cyimbo cyo ku Isabato, **kubera ko Kiriziya Gaturika yafashe ukwera kw'Isabato ikagushyira ku Cyumweru** mu nama yabereye I Laodokiya mu mwaka wa 364 AD"* (The Convert's Catechism of Catholic Doctrine" from P. Geiermann, the work of Pope Pius X., on 1-25-1910 who received the apostolic blessing). *Byari binejeje itorero ry'Imana guhindura gahunda yo gusenga ku Isabato igashyirwa ku Cyumweru.* (The published Roman Catechism, page 247 after the decision of the council of Trent by order of Pope Pius V.).

*Umunsi wa Karindwi w'Isabato waruhutswe na Kristo n'intumwa ze kandi wijihijwe n'Abakristo ba mbere kandi nanone bizwi yuko wakuweho n'inama yabereye I Lawodokiya. Muri iyi nama habanje kwigwa ku kibazo kirebana n'Umunsi w'Umwami kandi **inabuzanya kuramya ku munsi wa karindwi w'Isabato maze ubirenzeho akagirwa ikivume.**"* (William Prynne, a famous English Theologian, from his work „Dissertation on Lord's Day", page 32).

*Isabato, umunsi uzwi neza ko ariwo uvugwa mu mategeko, warahinduwe witwa Umunsi w'Umwami. Aba cyangwa se abandi ntibahwemye kunamba ku mabwiriza bakomora kuri Kristo (kuko nawe ubwe yivugiye ngo, mwitekereza ko naje gukuraho amategeko ahubwo naje kuyasohoza), **ariko bitewe n'ububasha bwa kiriziya yarahinduwe.**"* (Archbishop of Rheggio, Sermon on 1-18-1562, Mansi XXIII, p. 526).

*"**Kiriziya Garurika niyo yahinduye umunsi w'ikiruhuko iwuvana ku Isabato iwushyira ku munsi wa Mbere w'Icyumweru….** Mbese ni irihe torero ryateye intambwe ku isi ryo kuwumvira? Abaprotestanti… bavuga yuko bubaha cyane Bibiliya, ariko nabo mu gihe baruhuka ku Cyumweru, nabo bazi yuko baba kubahiriza ububasha bwa kiriziya Gaturika. **Bibiliya iravuga iti:** 'Wibuke kweza umunsi w'Isabato.' **Ariko Kiriziya Gaturika ikavuga iti:** 'OYA, nimuruhuke umunsi wa mbere wejejwe w'icyumweru.'—isi yose yumviye kiriziya!"* (Pater Enright on 12-15-2889.)

*"Birumvikana ko **Kiriziya Gaturika** yihamiriza ko ariyo yahinduye Isabato ikayisimbuza Icyumweru nk'igikorwa cyayo… kandi iki gikorwa ni ikimenyetso cy'ububasha bwayo nka kiriziya mu mirimo y'idini."* " (H. F. Thomas, chancellor of Cardinal Gibbons, 10-2-1895).

**9.** Mu Byahishuwe 13:18 tuhabona ikindi kimenyetso, umubare w'izina ryayo. *"ufite ubwenge abare umubare w' iyo nyamaswa kuko ari umubare w' umuntu, kandi umubare we ni **magana atandatu na mirongo itandatu n' itandatu.**"*

Amwe mu magambo aboneka mu ngofero ya Papa ni aya: **Vicarius Filii Dei**, bisobanura ngo, **"Uhagaze mu cyimbo cy'Umwana w'Imana."** Mu gusubiza ibibazo by'abasomyi, mu kinyamakuru cya Gaturika cyitwa, Our Sunday Visitor cyo kuwa 4-18-1915 haravuga ngo: "Amagambo yanditswe mu ngofero ya Papa ni aya ngo: Vicarius Filii Dei."

Ibyo birasesereza (byo ubwabyo ni ukwigereranya n'Imana, ni ukwishyira hejuru y'Umwuka Wera [Yohana 16:12-15; 14:26; Abaroma 8:26] kuko ariwe uhagarariye Kristo hano ku isi by'ukuri) ku izina ry'inyamaswa (Ibyahishuwe 13:17). Dushingiye ku magambo aboneka mu Byahishuwe 13:17,18, tuhabona umubare w'izina ryayo, 666. Mu kilatini zimwe muri izo nyuguti zigaragaza imibare zihagarariye, kandi turifuza kuyibagaragariza. Ubu ni ubuhanuzi busesereza kuri Antikristo (Gereranya na 2 Abatesalonike 2:3-12; 1 Yohana 4:3; 2 Yohana 7; Abaroma 8:3). Mu Kigiriki, ijambo ***'Antikristo'*** risobanuye umuntu *"wishyira mu mwanya w'Umwami wasizwe amavuta (anti=urwanya, crio=uwasizwe)"*. (Concordance N.T, P. 371).

**V*** - 5
**I** - 1
**C** - 100
**A** - 0
**R** - 0
**I** - 1
**U*** - 5
**S** - 0

**F** - 0
**I** - 1
**L** - 50
**I** - 1
**I** - 1

**D** - 500
**E** - 0
**I** - 1

**666**




***In Latin U and V have the same numerical value.**

Mu yandi magambo Antikristo ni uwishyize mu cyimbo cya Kristo—ari nabyo ubupapa bwiyitirira! Iyo ubupapa bushobora kugira icyo bwandika mu Gitabo cy'Isezerano Rishya buba bwaranditse ngo: "ndi Antikristo."


Yesu Kristo wenyine niwe Mutambyi wacu Mukuru nyakuri uri mu buturo bwera bwo mu ijuru nyuma yo kuzamuka kwe,



*"ukorera Ahera ho mu ihema ry' ukuri, iryo abantu batabambye ahubwo ryabambwe n' Umwami Imana."* Abaheburayo 8:1,2. Aha niho Yesu adutakambirira buri munsi adutunganiriza inzira ijya ku ntebe y'imbabazi ya Data wa Twese binyuze mu maraso ye. (Yohana 14:6,13,14; Abaroma 8:34), aho niho tugomba kumusanga binyuze mu masengesho nta muntu ubaye umuhuza na twe, ahubwo tukabikora mu kwizera no mu kwiringira amaraso ahongerera ya Kristo. (Abaheburayo 4:14; 5:10; 7:25; Matayo 6:6-15). Inyigisho zigaragaza ubundi buhuza bw'umuntu cyangwa se "abatagatifu bazamutse" ibyo ni "gutuka Imana, no gutuka izina ryayo n' ihema ryayo n' ababa mu ijuru." Nk'uko mu Byahishuwe 13:6 habivuga. (Gereranya na Danieli 8:11-14; 12:11 aho bivugwa yuko ibyo ari 'ugucumura ku buturo bwera' cyangwa se 'ikizira cy'umurimbuzi').

## IKIMENYETSO CY'INYAMASWA

Si ikimenyetso kigaragarira amaso abantu bazahatirwa gushyirwaho kirwanya ubushake bwayo. Iyaba washoboraga kwanga icyo kimenyetso, umuburo w'Imana wo kutacyakira waba udafite ubusobanuro. Abantu banga kwakira *ikimenyetso cy'inyamaswa* **(ikimenyetso cy'ubutegetsi cyangwa urugaga)** bavuzwe muri aya magambo ngo: "bitondera amategeko y'Imana kandi bafite kwizera nk'ukwa Yesu." Ibyahishuwe 14:12. Abakiriye ikimenyetso cy'Imana (Ibyahishuwe 7:3,4; 14:1), nibo bazanesha ikimenyetso cy'inyamaswa (Ibyahishuwe 15:2; Danieli 3). Ikimenyetso cy'inyamaswa gikubiyemo kwica amategeko y'Imana (Yakobo 2:10), kuko ikimenyetso cy'Imana, ikimenyetso cy'ubutegetsi bwayo kibonekera mu mategeko 10.




Ikimenyetso cy'inyamaswa kizashyirwa mu ruhanga cyangwa mu kiganza (Ibyahishuwe 13:16; 14:9). Mu ruhanga bisobanura mu ntekerezo (mu kwizera, mu bumenyi). Mu kiganza bisobanura ibikorwa by'umuntu (kumvira cyangwa kutumvira amategeko). Ibi byagaragarijwe mu Gutegeka kwa Kabiri 11:8,18; 13:1-6, aho bivugwa yuko tugomba gukomeza amategeko y'Imana yose.

**Abantu bose basobanukiwe ibisabwa ndetse n'ibikubiye mu itegeko rya kane, aho Imana yivugiye ko iri ariryo kimenyetso cy'ubutegetsi bwayo, ariko bakabyanga, ahubwo bagahitamo kumvira ibyashyizweho na Roma nk'ikimenyetso cy'ubutegetsi bwayo, abo bazaba bakiriye ikimenyetso cya Roma, ikimenyetso cy'inyamaswa. Guhera igihe hazashyirizwaho itegeko ryo kuruhuka icyumweru, igihe umuntu azahitamo kumvira amategeko y'Imana cyangwa ay'umuntu, abazakomeza gucumura bazashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa.** Kuko ku bantu baruhuka ku cyumweru nta kindi birengagije bazi barabwirwa aya magambo bati: *"Iminsi yo kujijwa Imana yarayirengagije, ariko itegekera abantu bose bari hose kwihana."* Ibyakozwe n'Intumwa 17:30.

## IKIMENYETSO CY'IMANA

**Ijambo ikimenyetso (kashi) ryakoreshejwe muri Bibiliya** (Abaroma 4:11).

Kashi y'ubutegetsi yemewe igomba kurangwa n'ibintu bitatu bikurikira:

1. Izina ry'uwashyizeho amategeko (Abrahamu Lincoln)

2. Umwanya we w'ubuyobozi (President)

3. Aho akorera (Leta Zunze Ubumwe za Amerika)

Ikimenyetso cy'Imana ni ikimenyetso cy'isezerano ryayo ry'iteka ryose kandi cyomatanye n'amategeko yayo kandi kiboneka mu itegeko rya kane. (Kuva 20:8-11). *"Wibuke kweza umunsi w' isabato. Mu minsi itandatu ujya ukora, abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose,* ***ariko uwa karindwi ni wo sabato y' Uwiteka Imana yawe****: Ntukagire umurimo wose uwukoraho, wowe ubwawe, cyangwa umuhungu wawe cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe cyangwa umuja wawe, cyangwa itungo ryawe cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu:* ***kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremyemo ijuru n' isi n' inyanja n' ibirimo byose, akaruhukira ku wa karindwi. Ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w' isabato, akaweza."*** Gereranya na Kuva 31:13,17,18.




Nubwo amategeko yose afite agaciro kangana mu maso y'Imana (yakobo 2:10),ariko ikimenyetso cy'Imana tukibona mu itegeko rya kane gusa:

1. Izina ry'Imana **"Uwiteka, Imana yawe"**

2. Icyubahiro: **"Umuremyi"**

3. Aho akorera: **"mu ijuru no mu isi, inyanja n'ibirimo byose."**

Bibiliya ivuga yuko Isabato ari ikimenyetso cy'Imana cy'isezerano ry'**iteka ryose**: *"Ntimukabure kuziririza amasabato yanjye, kuko ari yo kimenyetso hagati yanjye namwe mu bihe byanyu byose, kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka ubeza."* Kuva 31:13 (umurongo 16,17; Reba Ezekiyeli 20:12,20). Yesu aravuga ati: *"Mwitekereza ko naje gukuraho amategeko cyangwa ibyahanuwe. Sinaje kubikuraho, ahubwo naje kubisohoza.* ***Kandi ndababwira ukuri yuko ijuru n' isi kugeza aho bizashirira, amategeko atazavaho inyuguti imwe cyangwa agace kayo gato, kugeza aho byose bizarangirira."*** Matayo 5:17,18.

Hari umuntu waje kuri Yesu aramubaza ati: ***"Mwigisha mwiza, nkore cyiza ki kugira ngo mpabwe ubugingo buhoraho?"*** Yesu aramusubiza ati: ***"Ariko nushaka kugera ku bugingo, witondere amategeko...*** *Aramubaza ati, Ni ayahe? Yesu aramusubiza ati, Ntukice, ntugasambane, ntukibe, ntukabeshyere abandi, wubahe so na nyoko, ukunde mugenzi wawe nk' uko wikunda."* Matayo 19:16-19. Isabato y'umunsi wa karindwi ni rimwe mu yagize amategeko y'Imana, **urwibutso rwa buri cyumweru rw'uko Kristo ari Umuremyi ndetse akaba n'Umucunguzi.**

*"Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo uwo yahoranye n' Imana kandi Jambo yari Imana. Uwo yahoranye n' Imana mbere na mbere. Ibintu byose ni we wabiremye, ndetse mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe na we…Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe (tubona ubwiza bwe busa n'ubw' Umwana w' ikinege wa Se), yuzuye ubuntu n' ukuri."* Yohana 1:1-3,14.

Nkuko byagenze no kubasigaye ba Isirayeli igihe binjiraga mu gihugu cya Kanani, Isabato yakomeje kubabera urwibutso '' 'Ikiruhuko cy'Isabato' kibategurira kwinjira muri Kanani yo mu ijuru (2 Petero 3:13; Abaheburayo 11:10,39,40; Ibyahishuwe 21:2), kizabaho mu gihe Kristo azaba agarutse (Abaheburayo 3:10-19;4:1-11; Gutegeka 4:1-2; 1Abakorinto 10:11-13), nyuma y'uruzerero rw'imyaka **6000** mu butayu bw'amateka ya kimuntu kuva igihe umuntu yagwaga ubwo yari mui Paradizo.

Iyo ukurikiranye umubabaro wabayeho uko ibihe byagiye bikurikirana nk'uko byanditswe mu Bibiliya uhereye kuri Adamu, urasanga ko imyaka hafi **4000** yarangiranye no kuza Kristo, reba mu gitabo cyitwa "Atlas of World's History, 1990 by K. Thienemanns Press, Stuttgart-Vienna". Aha rero biratugaragarira neza yuko turi ku **iherezo ry'ikinyagihumbi cya 6** cyagenewe ikiremwamuntu nk'uko byavuzwe n'Imana mbere na mbere. Turebye ku birebana no kugaruka kwa Kristo, Bibiliya iravuga iti: *"Umunsi umwe ku Mana ungana n'imyaka igihumbi, kandi imyaka igihumbi ku Mana ingana n'umunsi umwe."* 2 Petero 3:8.


Mbese waba usobanukiwe ko *"ari hafi, ndetse ageze ku rugi?"* Matayo 24:33.

**Mu Isezerano Rishya , ubwoko bw'Imana bwitwa Isirayeli mu by'Umwuka,** kuko bakebwe mu buryo bw'umwuka mu mitima yabwo (Abakolosayi 2:11-12; Abaroma 2:28-29; Abagalatiya 3:6-9,28,29; 5:6; 6:15; Abaroma 11:25; 1 Petero2:9-10). Isezerano rishya Kristo agirana n'umuntu wese ni iryo kuremwa bundi bushya binyuze mu mbaraga zayo zo kurema. Umuhanuzi Yeremiya yavuze kuri ibi mbere y'igihe ati : *"….Ariko isezerano nzasezerana n' inzu ya Isirayeli hanyuma y' iyo minsi ngiri, ni ko Uwiteka avuga ngo 'Nzashyira amategeko yanjye mu nda yabo kandi mu mitima yabo ni ho nzayandika, nzaba Imana yabo na bo bazaba ubwoko bwanjye."* Yeremiya 31:31-33

Bityo rero ubwoko bw'Imana buzahora bushikamye ku mategeko yayo: *"Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y' Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu."* Ibyahishuwe 12:17. (Umugore mwiza mu buhanuzi ashushanya Itorero ry'ukuri, naho Malaya agereranya itorero ryaguye—gereranya na 2 Abakorinto 11:2; Ezekiyeli 16; Ibyahishuwe 17:18).

**Ubu rero tugiye gusobanukirwa n'icyo ubutumwa bwa malayika wa gatatu bwo mu Byahishuwe 14 busobanura:**

**1.** Butubwira ko **urubanza**, icyemezo kirebana n'ubugingo bwacu buhoraho, kuri ubu kirimo gufatwa mu ijuru (Umurongo 6-7).




**2.** Butubwira ko Ubuprotestanti **nabwo** bwaguye (umurongo 8), kandi ushingiye mu Byahishuwe 18:1-5. *"ihindutse icumbi ry'abadayimoni, aharindwirwa imyuka yose mibi."* Buri Mukristo wese (ubwoko bwayo) malayika arababwira aya magambo ati: ***"bwoko bwanjye nimuwusohokemo, kugira ngo mudafatanya na wok u byaha byawo, kandi mugahabwa ku byago bwawo."*** Ibyahishuwe 18:4.

**3. Ni umuburo ukomeye kandi w'urukundo Imana iri guha abo mu isi bose:** Abantu bose baramya ubupapa cyangwa igishushanyo cyayo cy'urwiyunge aricyo Ubuprotestanti, abazemera kumvira itegeko ry'agahato ribategeka kuruhuka ku Cyumweru nk'umunsi wera, bazahabwa ibihano bikomeye, bazashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa kandi bazababazwa n'urupfu rw'iteka ryose. (Reba Ibyahishuwe 14:9-11).

**4.** Umurongo wa 12 utugaragariza itsinda ry'abantu batazashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa. Bitondera amategeko **yose** y'Imana (harimo n'Isabato y'umunsi wa karindwi); reba Ibyakozwe 7:38, kandi bafite kwizera kwa Yesu.

**Mbese uzahagaraga udatsinzwe mu rubanza?**

Malayika wa mbere avuga iby'urubanza rw'Imana rugomba kubaho mu ijuru **mbere** yuko Kristo agaruka (Gereranya na Daniyeli 7:9-12; 2Abakorinto 5:10), kuko rugomba gucibwa mbere yuko agaruka aje kuzura abapfuye kugira ngo abahe ubugingo buhoraho, kandi abazaba bakiriho nabo bakazahindurwa mu gihe cyo kuboneka kwe (1 Abatesalonike 4:15-17; Yohana 5:27-29; Ibyahishuwe 20:5-6). Nanone kandi, Bibiliya itubwira iby'urundi rubanza rugomba kubaho mu ijuru mu gihe cy'imyaka 1000 **nyuma** yo kugaruka kwa Kristo kandi abakiranutsi bose bazagira uruhare mu guciraho iteka abanyabyaha bose bapfuye ndetse n'abamalayika baguye (Daniyeli 7:22; 1Abakorinto 6:2-3; Ibyahishuwe 20:4). Uru rubanza ruzatangazwa kandi rushyirwe mu bikorwa **nyuma** y'imyaka igihumbi mu muzuko w'abanyabyaha (Yohana 5:29; Ibyahishuwe 20;7-15). Amategeko y'Imana 10 adahinduka niyo azifashishwa mu guca urubanza kuri uwo munsi (umubwiriza 12:13-14; Ibyahishuwe 11:18-19; Zaburi 89:34; Matayo 7:21). Nanone kandi ruzagaragazwa n'imico y'icyitegererezo ya Yesu (Abafilipi 2:5; Abaroma 15:5), kuko yavuze ngo: *"Mana yanjye nishimira gukora ibyo ukunda, Ni koko amategeko yawe ari mu mutima wanjye."* Zaburi 40:8 (Reba Yohana 6:38; 4 34; Zaburi 40:6-8; Abaheburayo 10:9; Luka 22:42).



Turasenga mu isengesho ry'Umwami wacu ngo: *"Iby'ushaka bibeho,"* ariko se ubushake bw'Imana bushobora gusohorezwa mu mibereho yuzuyemo ibyaha? Bibiliya iravuga iti: *"Ibyaha ni ukwica amategeko."* 1 Yohana 3:4, kandi *"ibihembo by'ibyaha ni urupfu."* (Abaroma 6:23). Bityo rero mu gihe Umuhanuzi atubwiye aya magambo ngo: *". Mbese Umunyetiyopiya yabasha guhindura ibara ry' umubiri we, cyangwa ingwe ubugondo bwayo? Namwe ni uko ntimwabasha gukora ibyiza, kandi mwaramenyereye gukora ibibi."* (Yeremiya 13:23; Abaroma 7:24); mu gihe twitegereje imibereho yacu bwite, tubona yuko bitadushobokera, twebwe ubwacu, kurokoka ibihano by'Imana ndetse n'ingaruka z'urupfu rw'iteka ryose. Nyamara nanone Imana yashyizeho icyanzu cyo guhungiramo kubari munsi y'ububata bwa Satani. Iyo nzira twashyiriweho n'Uruko n'urukundo rw'Imana, niyo "**Yesu Kristo**". *"Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho."* Yohana 3:16. Golgota ihagaze nk'urwibutso rw'iki gitambo kirenze ubusobanuro, cyatanzwe kugira ngo gihongerere ibyaha byo gucumura amategeko y'Imana. Bityo rero ntabwo dushobora kubona icyaha nk'ikintu cyiza. (Abaroma 6:15). Imbabazi Imana yatanze ntabwo ari iz'agaciro gake. Ziragusaba kwitanga no kumvira Imana mu buryo bwuzuye. Yesu aravuga ati: *"Ninjye nzira, n'ukuri, n'ubugingo, ntawe ujya kwa Data atanyuze kuri jye."* Yohana 14:6. Mu buzima bwe, Yesu yatweretse inzira itugisha kuri Se, kandi ikatugeza no ku bugingo buhoraho.



Aho washakira aya magambo mu bitabo no muri Bibiliya

☐ **INTAMBARA IKOMEYE**

Iki gitabo gifite amapaji 631, cyanditswe mu ndimi 35, gishyira ahagaragara umucyo wo mu gihe cyashize, uw'iki gihe turimo n'uw'ahazaza.

☐ **TEGEKO RY'ICYUMWERU**

Iki gitabo cy'amapaji 88 kivuga iby'umuburo ukomeye uvugwa muri Bibiliya wo gushyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa (Ibyahishuwe 13, 18), ubusobanuro bwo muri iki gihe ndetse n'ingaruka abantu bazahura nazo ku iherezo.

☐ **INGINGO ZISOBANURA BIBILIYA**

Iyi mirongo y'ubusobanuro yandikiwe kudufasha gusobanukirwa ingingo ku yindi uburyo twasobanukirwa neza Bibiliya ndetse n'uburyo ubuhanuzi burimo kugenda bwuzura, nk'uko bwavuzwe mu gihe cyashize, muri iki gihe no mu gihe kizaza buvuga ku bihe bikomeye bya politike, iyobokamana ndetse no ku byaremwe.

Izina : ____________________

Aho utuye : ____________________

Umugi : ____________________

Code: ____________________


**Ni gute dushobora kwakira ubugingo buhoraho binyuze muri Kristo?**

Igisubizo Yesu aduha uyu munsi gihwanye n'icyo yatanze mu gihe cyashize ngo: *"Nimwitondere amategeko….. maze munkurikire."* Matayo 19:17, 21; Gereranya na 1 Petero 2:21-25; Ibyahishuwe 14:4.







Kubaha kwacu muri iki gihe gushingiye ku kwiga amagambo y'ubugingo Kristo yandikishije mu Byanditswe Byera (Yohana 5:39; 8:31-32), kandi tukumvira ayo magambo ye (Yohana 3:36, Abaheburayo 5:8,9; 11:8; Yakobo 4:7; Abaroma 16:26). Umwuka Wera azaduteramo ibyo byiyumviro nk'uko yabitanze ku munsi wa Pentekoti, igihe abantu bihanaga ibyaha byabo maze bagataka bati: *"Mbese tugire dute?"* maze Petero arabasubiza ati: *"Nimwihane!"* Ibyakozwe 2:37-38. Mu wundi wanya aravuga ati: *"Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe."* Ibyakozwe 3:19.



Amategeko y'Imana ameze nk'itorerwamo itugaragariza umwanda w'ibyaha (Abaroma 4:15; 3:20; 7:7), kandi Yesu akaba ashaka kuyitwuhagiraho binyuze mu maraso ye ahongerera. Uku niko kuvuka k'urukundo kw'ikiremwamuntu nk'igisubizo cy'Imana. Mu gihe Yesu yavugaga ku mugore wari umunyabyaha, yaravuze ati: : *"ababariwe bya byaha bye byinshi, kuko yagize urukundo rwinshi."* Luka 7:47. *"Turayikunda kuko ari yo yabanje kudukunda…. Kuko gukunda Imana ari uku: ari uko twitondera amategeko yayo kandi amategeko yayo ntarushya."* 1 Yohana 4:19; 5:3. Mu rukundo dukunda Kristo Imana iduha imbaraga zidushoboza kunesha ibyaha mu mibereho yacu. *"Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye. Kandi Data nawe azabohereza undi Mufasha,…ariwe Mwuka w'ukuri."* Yohana 14:15-17. Urukundo n'imbaraga by'Umwuka Wera watanzwe adushoboza kunesha ibyaha nk'uko Yesu yanesheje. (Yohana 15:10); 1 Yohana 5:4-5; Ibyahishuwe 3:21).



Binyuze mu kwigira umuntu kwa Kristo, Umwana w'Imana (Abafilipi 2:5-8; Yohana 16:28), tugomba kumenya neza ko Imana izi neza imbaraga ikeneye kuduha izo arizo kugira ngo zidushoboze gusohoza ibyo amategeko y'Imana asaba ndetse no guhagarara dushikamye mu bishuko bishingiye mu ntege nke za kamere yacu. *"Nuko rero nk'uko abana bahuje umubiri n'amaraso, ni ko na we ubwe yahuje ibyo na bo, kugira ngo urupfu rwe aruhinduze ubusa ufite ubutware bw'urupfu ari we Satani, abone uko abtra abahoze mu bubata bwo gutinya urupfu mu kubaho kwabo kose. Ni cyo cyatumye yari akwiriye gushushanywa na bene Se kuri byose, ngo abe umutambyi mukuru w'imbabazi kandi ukiranuka mu by'Imana, abe n'impongano y'ibyaha by'abantu."* Abaheburayo 2:15-17; Gereranya n'umurongo wa 18.



Dushobora kwakira izi mbaraga zidushoboza kunesha ibyaha, igihe gusa twizeye (Yohana 6:28,29) Yesu nk'urugero rwo gukiranuka (ntiyakoze icyaha kandi yari yambaye kamere yacumuye), kandi nanone tukamwakira buri muntu ku giti cye mu kwizera nk'igitambo cye cy'inshungu (Yohana 3:16; 1:29).

## Ubutumire

Turararika buri we tubikuye ku mutima kwitabira gahunda yo kuramya ya buri Sabato igize icyumweru yagenewe Abakristo barimo kwitegura kugaruka kwa Yesu. Aho muzafatanya n'abandi kwiga ijambo ry'Imana (gahunda ya mbere yo kuramya), kandi nanone mushobora kubonera umugisha mu bunararibonye bwo kwamamaza ukuri kw'Ijambo ry'Imana (gahunda ya kabiri yo kuramya!).


**Abadivantiste b'umunsi wa karindwi bavugurura**


P.O Box

Phone……

Kuri Murandasi (Internet):



Yesu ntiyapfuye azira ibyaha bye bwite. Dusoma ngo : *"mwiyunge n' Imana, kuko Utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu."* 2Abakorinto 5:20-21. (gereranya 1Yohana 3:5; Yohana 8:46). Ibi bishatse kuvuga yuko tugomba kwihana gukiranirwa kwacu, twamara kugusobanukirwa, tukava mu byaha (kwica amategeko y'Imana) kandi tukayumvira (Imigani 28:13; 1Yohana 1:6-10; 2:4; 3:3-10; 1Petero 2:21; Matayo 10:34-39).

Kwizera no kwihana ni impano z'Imana zihabwa abantu bose bahishakana umutima wose. Ibyo byombi Imana izabisohoreza muri twe binyuze mu Mwuka Wera mu gihe cyose tumwemereye. Kwizera ni ingaruka yo kwamamaza no kwiga ijambo ry'Imana (Abaroma 10:17). Yesu yaravuze ati: *"Murondora mu byanditswe, kuko mwibwira ko muri byo arimo mufite ubugingo buhoraho, kandi ari byo bimpamya."* (Yohana 5:39; gereranya na Luka 24:25-27; Yohana 2:22; Abaroma 16:26; Ibyakozwe 17:11,12).



Kwigana ubwitonzi kuzura k'ubuhanuzi bwo mu ijuru (burebana n'amateka y'isi nk'uko byavuzwe mbere ihe ndetse no kuboneka k'Umwana yo), bizashikamisha kwizera kwacu mu nama y'Imana yo gucungurwa binyuze muri Yesu Kristo, kandi bizashyiraho urufatiro nyakuri rwo kwizera kwacu (2petero 1:19-21). Nitwigana ubwitonzi ijambo ry'Imana, dufite isezerano ry'Umwigisha wo mu ijuru ritubwira ngo: *"ariko Umufasha ari we Mwuka Wera, uwo Data azabohererereza mu izina ryanjye, niwe uzabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye byose…. Azabayobora mu kuri kose…. Ijambo ryawe niryo kuri."* Yohana 14:26; 16:13; 17:17. Umuntu wanga imbabazi z'Imana kandi akanga gutegera ukuri amatwi ku bushake, ntagusome, kandi ngo akugenzure, ntazigera ahabwa n'Imana imbaraga ikiza yo kwizera kandi azabarirwa mu bantu bagomba kubura ubugingo buhoraho iteka ryose. (Yeremiya 6:17-19; 9:12-15; Hoseya 4:8.)

*"Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose itimana, itishma kandi azabuhabwa."* Yakobo 1:5. Yesu aratubwira ati: *"Musabe muzahabwa, mushake muzabona, mukomange ku rugi muzakingurirwa….1Ko muri babi kandi mukaba muzi guha abana banyu ibyiza, none So wo mu ijuru ntazarushaho guha ibyiza ababimusabye?"* Matayo 7:7,11. Nimureke rero dusabe nk'uko Dawidi yasabye ati: *"Mana, undememo umutima wera, Unsubizemo umutima ukomeye."* (Gereranya na Zaburi 139:23-24). Umuntu wese uzizera kandi agasenga azagera kuri ubu bunararibonye buvuga ngo: *"Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga."* Abafilipi 4:13.



Iyo dukurikiye Yesu n'Umutima utunganye gusa, kandi tukamwiringira nk'Umucunguzi wacu muzima, nibwo tugera ku iterambere ry'imico nk'iye, kandi ubwo nibwo tuba twiteguye kugaruka kwe. *"Iri ni ryo sezerano nzasezerana na bo, Hanyuma y'iyo minsi, ni ko Uwiteka avuga, Nzashyira amategeko yanjye mu mitima yabo, Kandi mu bwenge bwabo ni ho nzayandika."* Abaheburayo 10:16. (Gereranya na Yeremiya 31:33).



Mbese muribuka ko kumvira k'umuntu kwasuzumiwe ku mbuto zo mu murima wa Edeni (igiti cy'ubwenge bumenyekanisha icyiza n'ikibi—Itangiriro 2:16-17?). nanone kandi kumvira k'umuntu muri iyi minsi y'imperuka kuzasuzumirwa by'umwihariko ku mategeko y'Imana (Yakobo 2:10). Bityo rero inzoka yaramushutse iramubaza iti: *"Mbese muby'ukuri koko Imana yarabivuze?"* Itangiriro 3:1.

Mbese ni izihe ngaruka zikomeye umuntu yahuye nazo bitewe no kutumvira? (Itangiriro 3). Imbuto yo gushidikanya itegeko ry'Imana risobanutse iri kongera kubibwa mu mitima y'ikiremwamuntu muri iki gihe binyuze mu mwanzi gica w'Imana agira ati: *"Mbese muby'ukuri koko Imana yitaye cyane ku Isabato y'umunsi wa Karindwi?"*.

Mu gihe bizaba bimaze gutahurwa yuko kuruhuka ku cyumweru ari itegeko ryashyizweho n'umuntu, tugomba guhita twibuka amagambo ya Yesu agira ati: *"Arabasubiza ati 'Yesaya yahanuye ibyanyu neza mwa ndyarya mwe, nk' uko byanditswe ngo 'Ubu bwoko bunshimisha iminwa yabo, Ariko imitima yabo indi kure. Bansengera ubusa, Kuko inyigisho bigisha ari amategeko y' abantu.'….Kandi ati, Musuzugura neza itegeko ry'Imana ngo muziririze imigenzo yanyu."* Mariko 7:6-7,9.

Binyuze mu muhanuzi wayo Ezekiyeli Imana yaburiye ubwoko bwayo iti: *"Ntimukagendere mu mategeko ya ba so kandi ntimugakomeze amateka yabo, cyangwa ngo mwiyandurishe ibigirwamana byabo. Ndi Uwiteka Imana yanyu, mujye mugendera mu mategeko yanjye, mukomeze amateka yanjye kandi muyakurikize, kandi mujye mweza* **amasabato** *yanjye abe* **ikimenyetso** *hagati yanjye namwe, kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka Imana yanyu."* Ezekiyeli 20:18-20 (Gereranya na Yeremiya 9:12-13).

Amategeko y'abantu n'imigenzo byabo ntibishobora kudutandukanya n'amahame ya Gikristo: *"Tugomba kumvira Imana kuruta abantu."* Ibyakozwe 5:29; Gereranya 4:19. **Mbese umwanzuro wawe uzaba uwuhe—Isabato y'Uwiteka cyangwa Icyumweru cy'ubupapa?** (Yeremiya 10:2; 2Abami 18:21; 1 Samweli 15:22,23.)

The seal of God




*Umwuka Wera aratwihanangiriza agira ati: "Uyu munsi nimwumva ijwi ryayo, Ntimwinangire imitima… kuko uwinjiye mu buruhukiro bwayo na we aba aruhutse imirimo ye nk' uko Imana yaruhutse iyayo. Nuko tugire umwete wo kwinjira muri ubwo buruhukiro, kugira ngo hatagira umuntu ugwa akurikije icyitegererezo cya ba bandi cyo kutumvira."* Abaheburayo 4:7,10-11.

Abazacungurwa kandi bagakizwa ni abantu gusa Bibiliya ivugaho ngo: *"Aho ni ho kwihangana kw' abera kuri, bitondera amategeko y' Imana bakagira kwizera nk' ukwa Yesu."* Ibyahishuwe 14:12.

The mark of the beast




Ibyago biteye ubwoba ndetse n'ibihano bigiye kumanukira ku bantu bashyizweho ikimenyetso cy'inyamaswa, izina ryayo ndetse n'umubare wayo, cyangwa se abazaramya imyamaswa n'igishushanyo cyayo (bazaba bemeye kumvira antikristo, ubutegetsi bwa gipolitike n'ubw'idini), kandi kubera icyo gikorwa bakazaba bahagaze mu kurwanya ku mugaragaro ubushake bw'Imana ndetse n'umuburo wayo (Ibyahishuwe 13:16-18; 14:9-11; 16:2;18; 19:19-21).

Iyi saha y'ubutumwa bw'urubanza ishobora gutera bamwe ubwoba. Ariko mu by'ukuri, ni ubutumwa bw'agakiza—ubutumwa buturuka mu rukundo rw'Imana, *"itwihanganira idashaka ko hagira n'umwe urimbuka, ahubwo ishaka ko bose bihana."* 2 Petero 3:9.

Buri muntu wese ukiranuka azagira ubu bunararibonye buvuga ngo: "Gutinya Uwiteka ni itangiriro ry'ubwenge." Imigani 1:7 (Gereranya na Luka 12:4-5; Kuva 20:20). Ubwoba bwabayeho kubera icyaha. (Reba Itangiriro 3:10,11). Ariko nanone nyuma yuko twakiriye imbabazi binyuze mu rukundo rw'Imana ruboneka muri Yesu Kristo, tuzagera kuri ubu bunararibonye ngo: *"Mu rukundo ntiharimo ubwoba, ahubwo urukundo rutunganijwe rwose rumara ubwoba, kuko ubwoba buzana igihano kandi ufite ubwoba ntiyari yashyikira urukundo rutunganijwe rwose. Turayikunda kuko ari yo yabanje kudukunda."* 1Yohana 4:18-19.

Igitekerezo cyo kuzimira gihinduka ubwishingizi bw'agakiza, ariko gutinya Imana bikayobora mu kubaha no mu rukundo. Kubura ibyiringiro biyobora mu kurangwa n'umugambi uhamye, kandi ubwoba rusange bukayobora ku munezero birindiriye gusohora kw'amasezerano y'Imana. Imbabazi Imana itanga, igihe cyo kwihana no guhindukira, bizamara agahe gato gusa! Nuko rero nimukoreshe ako gahe mu kwisuzumana ubwitonzi kugira ngo murebe uko muhagaze kandi mwongere mutekereze ku gihe cy'imbabazi zigiye kurangira mbere yuko Kristo agaruka. Ibimenyetso by'ibihe biradutangariza ko **turi mu isaha yanyuma iheruka amateka y'isi.**

Turi mu gihe cy'iherezo ryavuzwe mu buhanuzi burebana n'amano 10 yo ku gishushanyo cyo muri Danieli 2:31-35, 41-45 ndetse n'andi magambo ahwanye n'ayo avuga iby'amahembe 10 yo muri Danieli 7:7-8,19-26. (Reba page 1 n'iya 2). Iyo twitegereje kwishyira hamwe kw'imbaraga za politike nk'uko byavuzwe ku mano 10 muri Daniyeli 2:41-43, tuhabona imbaraga zo mu Burayi zihuriza hamwe mu bya politike nk'uko byahanuwe: ***"ariko ntibazafatana*** *nk'uko icyuma bitavanga n' ibumba."* Dushingiye muri 2Petero 3:10 kugaruka kwa Kristo (ibuye ririmbura rizamanuka rivuye mu ijuru) rizatungura abantu bose: ***"Ariko umunsi w' Umwami wacu uzaza nk' umujura,*** *ubwo ijuru rizavaho hakaba n' umuriri ukomeye, maze iby' ishingiro, ibyo byose biremeshwa bikayengeshwa no gushya cyane, isi n' imirimo iyirimo bigashirra"* Niyo mpamvu Imana isezerana iti:***…Wubahe Imana kandi ukomeze amategeko yayo, kuko ibyo ari byo bikwiriye umuntu wese."*** Umubwiriza 12:13-14 (Reba 2Petero 3:11-15; Yesaya 55:6-9; Malaki 3:17-20).

